-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 16 Octobre 1956.

IMPAMVU:
Urubanza rwa Mukaruziga
na Ruzindana.

N° 4333 /A.I.

ASTRIDA
2422

MBIMENYESHEJE Umucamanza w'Urukiko rwa Territwari rw'Astrida i NGOMA.-

L'Administrateur de Territoire,
Fr. ACKERMAN.,

Kuli RUZINDANA P. Célestin

ASTRIDA.

Ndakuramutsa.

Ndakumenyesha ko nabinye baruwa yawe yo kuli i 15 octobri 1956 wandikiye Umucamanza w'Urukiko rwa Territwari y'Astridahanyuma ukanyohereza copie yayo. Ndakumenyesha ko bidashoboka kukuriha amafranka y'indishyi y'akababaro waka y'uko wakoresheje imodoka yawe ujya mu rukiko i Ngoma. Nta tegeko wali ufite ryo kujyayo kabili mu modoka mu munsi, washoboraga kugenda ku buryo bworoheje ku mubare w'amafranka ukajyayo ku maguru cyangwa kw'igare.

Ubwawe kandi niwowe witeye kujya i Kigali, mu gihe ugitegereje ko urubanza rwawe ruba wabashaga kuguma ino ugategereza ko umunsi wahawe ugera, aliko ntugomba kujya i Kigali mu modoka. Ntabwo nali nabona kandi ubwo buryo bwo kwishyuza iminsi yo kujya mu rukiko, umuntu ujya mu rubanza rwe.

Ngusezeyeho.

L'Administrateur de Territoire,
Fr. ACKERMAN.,

RUZINDANA P.Célestin

Astrida, le 15 Octobre 1956

Copie pour information à Monsieur l'Administrateur de Territoire,avec prière d'agréer,l'assurance de mon plus profond respect.

KU MUCAMANZA W'URUKIKO RWA TERRITOIRE
YA ASTRIDA.-
A S T R I D A(Ngoma)

Ndakuramutsa.

Irangiza ly'Urubanza lyabayekuli 20/9/56, uwo niwo munsi nagombaga kubona ibyo natsindiye, none lero dore Indishyi y'Akabaro naka, y'ibyo nakoresheje byose byo kuntunga n'imodoka y'iteka njya ku Rukiko.

TUMBA - NGOMA (Urukiko) ni 6 Kms

1) Kuva kuli 20 kugeza kuli 24 najyaga ku Rukiko iteka, mbere ya saa sita na nyuma yayo.
n'ukuvuga: iminsi ine (4) (6kms x 8 = 48 kms) 48x7= 336,-Frs
Icyatumaga njyayo kabili mu musi, Juge NTURO yambgiraga kuza kureba ko umuburanyi wanjye yaje.

2) Kuli 24/9 Juge NTURO aransezerera ngo ntahe iwacu i Kigali, n'umuburanyi wanjye MUKARUZIGA ahali, atwemeza ko tuzagaruka kw'itarkiya 1/10.
Astrida-Kigali-Kigali-Astrida ni: 140x2= 280 Kms
280x7= 1960,-Frs

3) Kw'itarki ya mbele 1/10 njya i Ngoma mu Rukiko,mbele ya saa sita na nyuma yayo: (6x4=24 Kms) 24x7= 168,-
Umuburanyi wanjye aje, avuga ko azaza kuwa mbele tarki 8/10 ubgo nabgo mbabgira ko ntashye , Juge n'umuburanyi wanjye barabyemera, umuburanyi yivugira ko ntakabuza kuli 8/10 azaba yazanye inkanamutsindiye tukagabana, niba uwo munsi ugeze ataralangiza no kugabana n'abagaragu be, ko azazana izo afite nabo abagaragu basigaye bakagabanira ku Rukiko rwa Territoire. Juge Nturo yemera uko umuburanyi umwe avuze, nanjye ndabyemera; mbabgira ko nzakoresha Kms 280nka mbere.
N'ukuvuga: 280x7= 1960,-Frs

.../...